**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**
**P.O BOX: 03 MUSANZE**
**E-MAIL: info@musanze.gov.rw**

# ITANGAZO RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA GUKORESHA IVURIRO RY'AMATUNGO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gupiganira gukoresha ivuriro ry'amatungo *(Proximity Veterinary Post)* riherereye mu Murenge wa Nkotsi, Akagari ka Bikara, Umudugudu wa Kiruhura; ryubatswe ku bufatanye hagati y'Akarere n'umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi (PRISM), wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), ukorera mu Kigo Gishinzwe guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

Mu rwego rw'ubufatanye na Leta (Public Private Partnership), Ubuyobozi bw'Akarere burarikiye abavuzi b'amatungo bikorera, yaba abakorera muri koperative, abafite sosiyete/kampani ndetse n'abikorera ku giti cyabo (*Private Veterinary Practitioners*) bifuza gukoresha ivuriro ry'amatungo ryavuzwe haruguru kandi bujuje ibisabwa, kwitabira iri piganwa.

Uwifuza kubona Dosiye y'ipigana ashobora kuyihabwa ku cyicaro cy'Akarere ka Musanze, **guhera ku wa 11/04/2023,** amaze kugaragaza ko yishyuye amafaranga ibihumbi bitanu (RwF 5,000) yishyuwe kuri Konti Akarere ka Musanze gahuriyeho na RRA nyuma yo gukora imenyekanisha (Declaration) ku Irembo. Ibindi bisobanuro byose bijyana n'iri pigana byashakirwa ku Biro by'Akarere ka Musanze bishinzwe amasoko ya Leta, no kuri Tel 0788424815 cyangwa 0788790792.

Gusura aho iryo vuriro ryubatswe kandi ni itegeko biteganyijwe ku itariki ya 20/04/2023, abazasura bazahagurukira ku Biro by'Akarere ka Musanze saa yine (10h00' local time), bakazayoborwa n'umukozi w'Akarere ushinzwe ubworozi.

Abiyemeje gupiganira iri soko basabwe kuzageza amabahasha afunze neza akubiyemo inyandiko zirimo kopi enye (imwe y'umwimerere yanditseho "ORIGINAL" n'eshatu za fotokopi zanditseho "KOPI") ku cyicaro cy'Akarere ka Muasanze, muryango N° 22 bitarenze **ku wa 02/05/2023** saa ine za mu gitondo (10h00AM). Izo nyandiko zizaherekezwa kandi n'izindi mpapuro zangombwa (Dossiers administratifs) zivugwa muri mu gitabo cy'ipigana kandi inyandiko zakerewe ntizakirwa.

**Gufungura amabahasha y'abapiganye bizakorwa mu ruhame uwo munsi ku wa 02/05/2023 i saa ine n'igice za mugitondo** (10h30 am) **ku cyicaro cy'Akarere.**

**Bikorewe i Musanze, ku wa 05/04/2023**

**KANAYOGE Alex**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Musanze**